Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yogaga ijanaba, yakarabaga intoki zayo, igatawaza nk'uko ibigenza igiye gusali, hanyuma ikiyuhagira

Hadith yaturutse kwa Aishat Nyina w'abemeramana (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yogaga ijanaba, yakarabaga intoki zayo, igatawaza nk'uko ibigenza igiye gusali, hanyuma ikiyuhagira hanyuma igakwiza amazi mu musatsi wayo, kugeza ubwo imenye neza ko amazi yageze mu mutwe ku mubiri, agakwiza amazi umubiri we wose inshuro eshatu, yarangiza agakaraba ahandi hasigaye. Aishat yaravuze ati: Najyaga niyuhagirana n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) mu gikoresho kimwe, tukajya tudahira rimwe amazi.

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Bukhari]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yashakaga kwiyuhagira ijanaba, yabanzaga gukaraba intoki, hanyuma igatawaza nk'uko ibigenza igiye gusali, hanyuma umubiri wayo wose ikawukwiza amazi, yarangiza igatosa umusatsi wayo n'intoki zayo kugeza ubwo yizera neza ko amazi yageze hose ndetse n'aho umusatsi utereye, hanyuma igasuka amazi ku mutwe inshuro eshatu, yarangiza ikiyuhagira ibice bisigaye by'umubiri wayo. Aishat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Najyaga niyuhagirana n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) mu gikoresha kimwe, tukajya tudahira rimwe amazi.

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/3316